REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UKUBOZA 2018

10 Mutarama 2019

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKUBOZA 2018

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2018. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 1,1% mu kwezi gushize kw'Ukuboza 2018 ugereranyije n'Ukuboza 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 0,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 1,1% mu kwezi kw'Ukuboza ni ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 2,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 9,5%.

Iyo ugereranyije Ukuboza 2018 n' Ukuboza 2017, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 1,4%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2018) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2018) ibiciro byagabanutseho 0,2%. Iri gabanuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,7%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kw'Ukuboza 2018, ibiciro mu byaro byagabanutseho 0,6% ugereranyije n'Ukuboza 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -1,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 0,6% mu kwezi kw'Ukuboza ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 8,1%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2018) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2018) ibiciro byagabanutseho 1,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,1%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kw'Ukuboza 2018 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 0,1% ugereranyije n'Ukuboza 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -1,0%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 0,1% mu kwezi kw'Ukuboza 2018 ni izamuka ry'ibiciro by'amazu, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 9,0% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 9,5%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2018) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2018) ibiciro byagabanutseho 0,8%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,3%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2017 kugeza m'Ukuboza 2018.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2017 kugeza m'Ukuboza 2018**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2017 | 2018 | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 0,7 | 1,3 | 0,7 | 0,9 | 1,7 | 3,0 | 2,9 | 2,0 | 2,1 | 1,2 | -0,6 | 0,1 | 1,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -1,0 | -0,9 | -2,7 | -2,9 | -1,3 | 0,9 | 0,4 | -0,3 | -0,6 | -2,7 | -5,4 | -1,8 | -0,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | -0,2 | 0,1 | -1,3 | -1,4 | -0,1 | 1,8 | 1,4 | 0,6 | 0,6 | -1,1 | -3,4 | -1,0 | 0,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -1,2 | 0,2 | 0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,1 | -0,9 | -1,0 | 0,4 | 0,2 | -0,6 | -0,5 | -0,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -2,5 | -0,2 | 0,5 | 1,3 | 2,4 | 0,8 | -1,7 | -0,6 | 0,6 | -0.3 | -1,4 | -0,6 | -1,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -1,9 | 0,0 | 0,5 | 1,1 | 1,9 | 0,9 | -1,4 | -0,8 | 0,5 | -0,1 | -1,0 | -0,5 | -0,8 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

**Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:**

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agateganyo w'agashami k'imibare y'ubukungu; claude.mwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw